



ADHKAAR No 766 yo kuwa 15/10/2026 = 04/Jumadal-ûla/1448

UBUPFURA MU BANTU.

Assalamu alaykum wa rahmatullahi wa barakatuh.

IRIBURIRO

Bitangijwe ku bw'izina ry'Imana Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi, Umugenga w'umunsi w'ingororano, Imana imwe rukumbi, itarabyaye kandi itarabyawe, hakaba nta na kimwe cyahwana na Yo; gushimwa no gusingizwa ni ibyayo. Amahoro n'imigisha nibisakare k'uwazozereje intumwa n'abahanuzi, Muhammad (S) n'umuryango we.

Adhkaar iheruka yatugejejeho **"Amazina meza y'Imana"** kugira ngo bidufashe kurushaho kumenya Imana, kuyibuka no kuyigaragira tutayibangikanya. Adhkaar ya none iratwibutsa **"Ubupfura mu bantu"**, *hagamijwe gukangurira abadayi gusakaza indangagaciro z'ubuyisilamu buri gihe n'aho bari hose.*

UBUPFURA MU BANTU.

Imana isumba byose, Umuremyi n'Umumenyi wa byose itubwira ko ubuyisilamu ari umutako wayo kandi ko ntawayishyikira mu gutaka. Ikanatubwira ko uwo Yohereje kwigisha ubuyisilamu afite imico myiza ihambaye (Kor-ani 68:4), Imana ikaduhamagarira kumufataho urugero mu byiza byose (Kor-ani 33:21).

صِبْغَةَ اللَّهِ وَمَنْ أَحْسَنُ مِنَ اللَّهِ صِبْغَةً وَنَحْنُ لَهُ عَابِدُونَ ﴿١٣٨﴾

"Ubuyisilamu ni umutako w'Imana. Ni nde rero wataka neza kurusha Imana. Kandi ni Yo tugaragira". Kor-ani 2:138

Ubupfura mu bantu ni imyifatire myiza inogeye bose, kandi itarengera imbago zashyizweho n'Umuremyi. Ni ukutanyuranya n'ubushake bw'Imana mu migirire yacu yose.

*Qatâda yaravuze ati: Nabwiye Âyisha nti: Mubyeyi w'abemera! Mbwira ku birebana n'umuco w'intumwa y'Imana (S). Ati: Ntusoma Kor-ani? Nti: Rwose ndayisoma. Ati: Ni uko rero umuco w'intumwa y'Imana wari Kor-ani = **fa inna khulqa nabiyyillâhi kâna al qur-ân**". Sahihi Muslim, hadisi 1739.*

Abu 'Abdillâhi Al-Jadaliy yaravuze ati: Nabajije 'Âyisha iby'umuco w'intumwa y'Imana (S) aravuga ati: "*Ntiyagiraga imico mibi mu migirire no mu mvugo, ntiyatontomaga mu masoko, ntiyituraga inabi ahubwo yarababariraga akanarenzaho*" = **"Lam yakun fâhishan wa lâ mutafâhhishan, wa lâ sakhkhâban fil-aswâq, wa lâ yujzi bi sayyi-ati sayyi-a, walâkin y'afu wa yassfahu"**. Jâmi'u Tirmidhi, hadisi 2016.

'Âyisha yavuze ko rimwe abayahudi basabye uruhusa rwo kubonana n'intumwa y'Imana (S) bararubabwira bayisuhuzwa bavuga bati: "**As-sâma alaykum**" (urupfu rukubeho = uragapfa). 'Âyisha yumva ibyo bavuze arabasubiza ati: "**Walaykum sâma wa l'ana**" = urupfu n'umuvumo bibe kuri mwe". Intumwa y'Imana (S) iramubwira iti: "Itonde 'Âyisha = **mahlan yâ 'Âisha**; kuko Imana isumba byose ikunda ineza n'ubupfura muri byose = **innallaha t'ala yuhhibu rifqa fil-amri kullihi**". 'Âyisha ati: Ntumwa y'Imana! Ntiwumvise ibyo bavuze? Intumwa y'Imana (S) iti: Ntiwumvise se ko nabikiriye nti: "**walaykum**" = no kuri mwe = namwe bibabeho? **Sahîhi Bukhâri, hadisi 2935**.

Nk'uko ntawifuzwa ko ikibi kimubaho, ubupfura mu bantu ni ukwifuriza abandi ibyiza nawe ubwawe wifuzwa.

'Ubâda ibn Sâmit yavuze ko intumwa y'Imana (S) yavuze iti: "*Nta kugira nabi, nta no kwitura inabi*" = **Lâ dwarara wa lâ dwirara**". Sunan ibn Mâja, hadisi 2340.

Yazîdi ibn Asad yavuze ko intumwa y'Imana (S) yamubwiye iti: "*Ifurize abantu ibyo nawe ubwawe wifuzwa*" = **Ahibb li n-nâsi mâ tuhibbu li nafsik**". Musnad ibn Hanbal, hadisi 16656

Anasi ibn Maliki yavuze ko intumwa y'Imana (S) yavuze iti: "*Muri mwe, ntawemera by'ukuri keretse yifurije umuvandimwe we icyo nawe ubwe yifuzwa*". **Sahîhi Bukhâri, hadisi 13**

Muri icyo mvugo ijamba "**umuvandimwe we**" ntiribabwirako uwo basangiye ababyeyi, cyangwa ukwemera gusa, rivugako abantu bose muri rusange kuko bose ari bene Adamu (**kullukum li Âdam** = mwese muri bene Adamu)

Abu Hurayira yavuze ko intumwa y'Imana (S) yamubwiye iti: "*Itondere ibyo Imana yaziririje (al-muharramat) uzarushe abandi kugaragira Imana, unyurwe n'ibyo Imana yaguhaye uzakungahara kurusha abandi, ugirire neza umuturanyi uzaba umwemeramana nyakuri, wifurize abantu ibyo nawe ubwawe wifuzwa uzaba umuyisilamu nyawe, ntugaseke cyane kuko guseka cyane byica umutima*". Jâmi'u Tirmidhi, hadisi 2305

Abdillâhi ibn Mas'ûdi atubwirako iby'intumwa y'Imana (S) yihanagura amaraso ku buranga ivugako ibi: "*Mana Nyagasani! Babarira benewacu kuko batari ibyo bakora*" = **Rabbi, ighfir li qawmi, fa innahum lâ y'alamûn**". **Sahîhi Bukhâri, hadisi 6929**.

Abu Hurayira atubwirako ko abasahaba basabye intumwa y'Imana (S) kuvuma ababangikanyamana bayigiriye nabi bakanica abavandimwe bayo n'abayoboke bayo

(abayisilamu), irabasubiza iti: "*Sinatumwe ndi uvuma, ahubwo natumwe nk'umugisha = Inni lam ub'athu la'anan, wa innama bu'ithu rahmatan*". Sahihi Muslim, hadisi 6284.

Intumwa y'Imana (S) yabwiye 'Uqba ibn 'Âmiri iti: "*Garura umubano n'uwakwitaruye, uhe uwakwimye, unababarire uwakurenganyije/ uwaguhuguje*". Musnad ibn Hanbal, hadisi 16999.

Hudhayifa ibn Al Yamâni yavuze ko intumwa y'Imana (S) yavuze iti: "*Ntimuzabe banyamuja iyo bijya muvuga muti: abantu nibagira neza natwe tuzagira neza, ariko nibahemuka natwe tuzahemuka = Lâ takunû im'atan taqûlûna: in ahsana nnâsu ahsanna, wa in zwalamû zwalamna. Ahubwo muzihe gahunda ihamyeye: Abantu nibagira neza mugire neza, nibanagira nabi mwirinde guhemuka = Walâkin wattinû anfusakum: in ahsana nnâsu an tuhsinû, wa in asâ-u falâ tazwlimû*". Jâmi'u Tirmidhi, hadisi 2007.

Imana iratubwira iti:

وَلَا تَسْتَوِ الْحَسَنَةُ وَلَا السَّيِّئَةُ ادْفَعْ بِالَّتِي هِيَ أَحْسَنُ فَإِذَا الَّذِي بَيْنَكَ وَبَيْنَهُ عَدَاوَةٌ كَأَنَّهُ وَلِيٌّ حَمِيمٌ ﴿٣٤﴾

"Icyiza n'ikibi ntibihwanye. Kumîra ikibi ukoresheje icyiza cyane, bizatuma uwari agufitiye urwango akubera umurengezi n'inshuti magara". Kor-ani 41:34

Kurwanya ikibi, si ukuvuza induru cyangwa guteza isahinda, si no gutuka abagikora; mbere ya byose ni ukumenya ikibi ushingiye ku byo Imana yahishuye n'iyi abandi bose babibona ukundi. Ikindi ni ukwanga ikibi cyose mu mutima wawe utitaye k'ugikoze, hanyuma ukagikumira ukoresheje uburyo bwiza bushoboka utitaye ku kuveba kw'abaveba (Kor-ani 5:54). Kandi niba ari wowe wagikoze wihutire kwicuza nta buryarya no kugukurikiza ibikorwa byiza bikirusha uburemere n'agaciro.

Abu Dharri yavuze ko intumwa y'Imana (S) yamubwiye iti: "*Ubaha Imana aho uri hose, hanyuma igikorwa kibi ugukurikize icyiza kizagisiba kandi ubane n'abantu mu bupfura*". Jâmi'u Tirmidhi, hadisi 1987.

UMUSOZO

Umuhanzi yavuze ko "kubaho ari ukubana" kuko Imana yaremeye umuntu kubana n'abandi ikanamuha gahunda n'imbago z'uwo mubano. Kubaho k'umuyisilamu ni ukuzirikana impamvu yo kuremwa kwe n'inshingano yahawe mu buzima bw'isi. Si ukubaho ahiganwa mu kugwiza imitungo no gushaka ibyubahiro no kwamamara (Kor-ani 57:20), ahubwo ni ukurushanwa mu byiza no gushaka kwishimirwa n'Imana (Kor-ani 83:26).

Ubupfura bw'intumwa y'Imana Muhammad (S) buzwi na bose, buri mu by'ibanze byatumye abantu benshi mu moko anyuranye bemera ubuyisilamu kuko bose bari bamuziho kuba umunyakuri n'umwizerwa no kugira imico myiza ihambaye.

Wassalamu alaykum wa rahmatullahi wa barakatuh.

Ansar Allah